
MANIFESTE NA STATI

Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda



Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement

MANIFESTE ET STATUTS



MANIFESTE YA MOUVEMENT RÉVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA

INTANGILIRO.

Twitegereje neza ingorane zili mu bihugu by'isi muli iki gihe, tutaretse kandi ibyo u Rwanda rudutezeho kugirango turuteze imbere hamwe n'abarutuye, kuko alibo ubwabo bagomba kurugeza ku majyambere nyakuli, twiyemeje gushyiraho Mouvement révolutionnaire y'Abanyarwanda bose, iharanira kuzamura amajyambere y'Igihugu. Ifite amatwara yo kuvugurura ibyaliho ku bulyo butunganiye abatura-Rwanda, igakoranya imbaraga zabo zose, idaheza, kandi itavangura ali ibitsina, ali amadini, ali amoko, ali imyuga, ali n'imibereho ya buli muntu.

Twasanze alibwo bulyo bwo kuzuza neza igikorwa twiyemeje igihe dufashe ubuyobozi bw'Igihugu; ubu tukaba dushaka kwunga bundi bushya abatura-Rwanda ubwabo, bakoresheje imbaraga zabo zose, kuko alibyo byonyine bizatuma amajyambere y'Abanyarwanda n'ubukungu bwabo bigerwaho.

- Turemeza rwose ko tutagera ku majyambere n'ubukungu bw'igihugu mu myilyane n'inzangano mu banyarwanda. Amahoro n'ubumwe bw'Igihugu nibyo bizatubera inkingi y'ibikorwa byacu byose.

-Niyo mpamvu duciye burundu icyatanya abaturaRwanda cyanga se kigashaka gusumbanya ubwoko cyangwa se umulyango, akarere n'amadini.

Ali abayobozi, ali abagize Mouvement yacu, ntawe uzihanganira na gato, ibitekerezo cyangwa se ibikorwa bitambamira ugutera imbere kw'Abatura-Rwanda mumizamukire yabo, ali mu byerekeye amajyambere y'ingo, ali mu byerekeye ubukungu, ali mu byerekeye kujijuka, ali mu byerekeye kwubahiliza imico myiza y'u Rwanda, cyangwa se uwabuza gukomeza uwo murego.

Mouvement yacu rero ikaba iharanira amajyambere y'u Rwanda.
Iyo Mouvement ishaka kuba iy'abatura-Rwanda bose, kuyinjiramo bikaba bisabwe buli wese atizigamye, n'ukuvuga ko mu myifatire ya buli mutura-Rwanda wese, yayoboka inzira imwe, bityo bakagira ubulyo bumwe kandi bwiza bwo gutekereza, kumvikana no gufatanya, kuva ku nzego zo hasi za Mouvement kugeza ku ruzibumbye, ni ukuvuga Igihugu cyose.

- Nta numwe uzasigara iruhande ku bulyo Mouvement yacu itareba ibikorwa bye, kuko Igihugu cyacu gishaka uko cyatengamara, ali mu majyambere y'ingo, ali mu bukungu, ali muli politiki, ali mu bwenge, ali no mu myifatire ntawe kirobanuye.

-Iyo Mouvement yacu tuyikuye ku cyifuzo cy'abaturaRwanda ubwabo, ninacyo cyatumye tuyita Mouvement

révolutionnaire, kuko nyine ivuye mu batura-Rwanda ubwabo kandi biyiziye icyo bifuza, bikaba bitandukanye rero n'ibikunda gukorwa biturutse hanze. Byongeye kandi kumenya ibibabaje abatura-Rwanda bigomba kuba alibo biturukaho, ntihagire umuntu n'umwe wibwira ko aliwe wabibamenyera.

Mouvement yacu ni révolutionnaire koko ku bulyo izategeka abayilimo kureka byinshi mu bikorwa byabo twasanze bishaje cyangwa se bidakwiye, kugira ngo batangire ibindi bishya bihuje n'ibitekerezo by'abatura-Rwanda kandi bihanagura ibyali bibangamiye buli muntu. Ni ukuvuga ko tugomba guhindura ibitekerezo n'uburere by'abanyarwanda, tubahugura.

Ninayo révolution mvugurura-muco twatangiye kuwa 5 Nyakanga 1973. Uwo munyarwanda mushya agomba kuba yiyumvamo ibitekerezo bya «Démocratie-Responsable»: Ni ukuvuga ko ku bushake bwe bwite, agomba kwumva ko imizamukire y'igihugu yose imureba; ko rero agomba gutanga umuganda mu mizamukire yacyo yose, kandi akumva ko afite uruhare runini mw'ishyaka rusange lyo kukizamura.

Mouvement yacu iharanira Imizamukire y'Igihugu ishaka ko kugirango ikizamure yakwiha amategeko ya politiki aboneye, aharanira icyashyira abatura-Rwanda cyose imbere mu mahoro, mu bwumvikane, kandi byimilije imbere ubumwe bw'igihugu cyose. Igomba kurwanya byimazeyo abashaka gushyira imbere ibyabo bwite cyangwa se ibyabo bafatanyije kurusha uko bita

ku bya benshi cyangwa ku by'Igihugu. Mouvement yacu ntiyemera kugundira ibyahise.

Icyo yimilije imbere ni demokarasi kuko yigisha kandi ikaba ishaka ko abantu bose bangana imbere y'amategeko, igaha kandi abatura-Rwanda bose hamwe uburenganzira bwo gusumba umuntu umwe umufashe ukwe, uwo muntu umwe nawe akagira uburenganzira bwo gutabaza abandi kuko baba bafatanije kwubaka igihugu n'ingufu zabo zose, kandi basangiye ibya ngombwa bituma kizamuka.

- Ubu twese ntawe utabona ko igihe tugezemo atali icyo kwifata cyangwa se gukekakekera abandi ubusa, ahubwo ni icyo kwitangira rwose icyo twiyemeje, alicyo cyo guharanira ibyashyira abatura-Rwanda bose imbere; kubera iyo mpamvu rero twiyemeje gukuraho ibizamura bamwe bikadindiza abandi mu mizamukire y'igihugu.

Abayobozi ba Mouvement yacu bagomba kuba abantu bizewe bihagije n'abatura-Rwanda, barushaho kwita kubyo bashinzwe, kandi bumvise neza ko byali ngombwa guhitamo uyu murongo twiyemeje.

- Tugomba kwiyumvisha buli munsi kurushaho, ko imbaraga zacu bwite alizo zizatuma tujya mbere. Ngiyo imwe mu ngingo z'ingenzi Mouvement yacu ishingiyeho kugirango igihugu kizamuke.
Kuli buli muvuka-Rwanda wese, muli iki gihe tugezemo

ibikorwa nibyo bili imbere kuko alibyo bigituma abona umwanya we n'agaciro mu bandi.
Ubu ni igihe cyo kurwanira kuzamura ubukungu bw'Igihugu cyacu n'imibereho myiza y'abagituye, ni igihe cyo kuminjira mu mitwe y'abatura-Rwanda ibitekerezo bishya, bishaka ko Igihugu cyacu cyashishikalira kwigeza ku mukiro cyifuza.

- Ubu ntabwo ali igihe cyo kwemera abashaka imizamukire itatanye, cyangwa se cyo kwemera imizamukire y'udutsiko tumwe tudafite icyo twiyemeje kigaragara.

- Niyo mpamvu buli muyobozi muli mouvement yacu azajya agira umulimo ashinzwe yitayeho buli gihe, uzatuma afatanya n'abandi, yumvikana nabo, n'uwo mulimo kandi nawo ugakomeza kujya mbere bitewe n'umwete afite muli mouvement, kuko ishingiro lyayo ali ubufatanye ku mulimo muli buli rwego rwa Mouvement, akabikora kandi mu bumwe no mu mahoro.

MU BY'UKULI, IYO MOUVEMENT TUYITEZE HO IKI?

- Kurandura rwose ibisigisigi by'inzangano, no kurwanya guca uduce mu bantu, nkuko byakunze kuboneka kuva kera hagati y'amoko y'u Rwanda uko ali atatu, no hagati y'uturere tw'Igihugu.

- Gufatanya imbaraga z'Igihugu zose kugirango turwanye ibidindiza amajyambere byose, ali mu bujijuke, cyangwa se ali mu mibereho y'abatura-Rwanda no mu bukungu.

- Guca no kuzimangatanya burundu, mu muco wa kinyarwanda ibisigisigi bya gihake nk'umuco wo guhakwa, ubutiliganya no kwironda mu moko bidindiza amajyambere y'Igihugu.

- Guhagurutsa abatura-Rwanda bose, tukabakangura kandi tukabinjizamo ko alibo bagomba kwizamulira Igihugu cyabo.

- Gusezerera burundu bwa bulyo bwahozeho bwemereraga umuntu kunyunyuza imitsi y'undi.

- Kurwanya byimazeyo ubunebwe, ububandi, kulya iby'ubusa, kugundira by'amoko, uturere, n'amadini.

IBYO TUZABIGERAHO DUTE ?

Ntidushobora kugera kuli iyo ntego, tudashyize hamwe imbaraga z'abana b'u Rwanda bose, kugirango twite cyane kuli ibyo bibazo byo kuzamura Igihugu, kandi kugirango tubashe kuzahashya ibyatudindiza mu nzira, tugomba kubihagurukira tugakora dufatanye urunana, nibwo ibyo tuzageraho bizaba bishimishije.

Ingabo z'u Rwanda, kugeza ubu zasaga n'izihejwe mu bikorwa bizamura amajyambere, zigomba guhaguruka zigafatanya n'abandi muli ibyo bikorwa.

Zishyizwe mu murongo w'abagomba guhagurukira kujijura abatura-Rwanda.

Abakunda Igihugu bose, n'abakunda amajyambere yacyo bagomba kwiyumvisha ko ali bo bireba kurusha abandi.

Tugomba gusezera burundu gusubira nta mpamvu mubyo twiyemeje, kandi ni nako Igihugu cyacu kibidusaba; ahubwo dukwiye gukorana umwete tugamije imbere amajyambere y'Igihugu ahuje n'uko tubyifuza, n'uko ubuhanga bungana, nk'uko natwe twiyumvamo ko tubigomba, nk'uko mbese twiyemeje kwizahura ubwacu mu bukene bwose; ali mu muco, mu bukungu no mu bitekerezo.

Ntidushidikanye kandi ko tutashobora kugera ku ntego zacu twigunze gusa. Ubu rero tukaba tugomba kuzaterana inkunga n'ibindi bihugu.

Tumaze kubona ko imizamukire mu bukungu kw'isi yose yageze aho ibihugu byose ali magilirane, igera aho bitagishobotse ko ubukungu bw'isi bujya mu maboko y'agatsiko kamwe k'abantu, aho kandi isi yose isigaye yita ku bibaye byose ali ku kindi gihugu, cyangwa se ali no ku bantu bamwe;

Twiyemeje natwe Abanyarwanda gutera inkunga ibindi bihugu birwanira gukura abantu mu byago ibyo ali byo byose. Ntidushidikanya ko ali byiza gufatanya kw'ibihugu; aliko ibyo ntibyatuma twemera ko uko gufatanya kwatuma igihugu cya-

ngwa se abantu bamwe bilirwa bisinziliye mu bunebwe, ibyo bikaba byatuma bamwe batungwa gusa n'ibivuye mu mitsi y'abandi.

Twiyemeje gufatanya n'ibihugu byose kugira ngo twubahilize ubutabera kw'isi, ubufatanye bw'abantu n'amahoro nyakuli hagati y'ibihugu byose.

Niyo mpamvu rero, kugira ngo tubuze intambara n'ingaruka mbi zayo twubahilize amahoro n'ubwigenge, dufashe abantu kurushaho kubana no kwumvikana kandi dutume bose bamererwa neza, politiki yacu n'Amahanga izarangwa n'umubano w'ibihugu kandi mu mahoro, imifashanyilize y'abantu, no kurenganura impabe.

PROGRAMME RUSANGE.

1.IBYEREKEYE UBUTEGETSI.

A. UBUTEGETSI BW IGIHUGU.

Mouvement yacu igamije imbere kwubaka mu Mahoro n'Ubumwe bw'Igihugu Repubulika ishingiye kuli Démocratie Responsable; abatura-Rwanda bakitangira hamwe muli discipline, bazi neza icyo bagamije imbere ubwabo.

Discipline ya buli wese kimwe n'iyacu niyo igomba gushimangira Ubumwe bw'Igihugu, ali mu bikorwa ubwabyo, cyangwa se ali mu gushaka icyakorwa. Iyo ni imwe mu ntwaro zityaye izadufasha kuzamura abatura-Rwanda. Ubutegetsi bugomba kuba bukomeye kandi bushingiye kuli Démocratie.

Abatura-Rwanda nibo bagenzura Leta. Leta nayo mu mikorere yayo igomba kureba icyo abatura-Rwanda bakeneye; ikulikiza buli gihe politiki ya Mouvement mu byerekeye imizamukire, mu bukungu, imibereho y'abatura-Rwanda n'ubumenyi.

Ubutegetsi bugomba gutunganywa ku bulyo inzego zabwo zose zizajya zituma abatura-Rwanda bagera koko ku mizamukire nyakuli.

Abayobozi n'abayoborwa bazajya bahura kenshi kandi bidatinze kugira ngo babone uko bashyikirana.

Mouvement yacu iremeza neza ko ubutabera buzira ikizinga, bufashwe n'abantu b'inyanga-mugayo, alibwo buzatuma ,amajyambere nyayo asakara mu bantu kandi ku bulyo buboneye abatura-Rwanda.


Niyo mpamvu ubutabera nubwo buli muli Mouvement bwose, butandukanye n'ubutegetsi bw'ishinga-tegeko n'uburangiza-tegeko, kugira ngo bubone ukuntu burangiza neza umulimo ukomeye bushinzwe wo guca imanza mw'izina ry' abaturaRwanda.

Abajijutse b'inyanga-mugayo bakomoka mu batura-Rwanda kandi babalimo, bazabimbulira amajyambere rusange bafata urumuli n'ibitekerezo nyakuli bya mouvement yacu, bakabuza abayobozi bo mu nzego zose kugundira ibiliho cyangwa gusinzira mu bunebwe cyangwa kudindiza amajyambere no gushyira agati mu lyinyo ngo bizizana.

Gupfusha ubusa imbaraga twagombaga gukoresha hamwe, ntibyemewe. Kwakana inama no gufatanya mu byo dukora byose, cyangwa se no mu gutegura ibizakorwa bigomba kuba ku murongo uzatuyobora mu milimo yacu yose.

B. UMUBANO N'AMAHANGA.

Mouvement yacu irumva ko bikwiye ko kugira ngo ibihugu bibane neza, ntakigomba gushotora ikindi, ahubwo bi-



«Mouvement ishyigikiye politiki idaheza abaturanyi...»

kwiye gufashanya, buli gihugu cyubaha ikindi. Irashaka kujya ifasha gukemura impaka hagati y'ibihugu by'isi yose mu bulyo bw'amahoro. Ishyigikiye politiki idaheza abaturanyi, ibanye neza nabo, itagira aho ibogamiye kandi itazajya yivanga mu by'abandi.

Igihugu cyacu kizilinda bikomeye kwiroha mu migambi y'ibihugu bishaka guca isi mo ibice.

Mouvement yacu ishaka rwose ko u Rwanda rwafatanya n'abashaka amahoro ku isi. Cyane cyane abashaka gufasha ibihugu bigikennye, barwanira ibitalibohora, n'abarwanira kugira ngo ubwigenge bw'ibihugu bukomeze bwubahwe.

Mouvement yacu izashyigikira itizigamye ibihugu birwanira ukwishyira ukizana kwabyo, izakora uko ishoboye kugira ngo yumvishe Abanyarwanda bose ko ali ngombwa ko Afrika yose yava ku ngoyi y'Abanyamahanga.

Mouvement yacu ishyigikiye n'imbaraga zayo zose Politiki yumvikanya kandi ifatanya ibihugu by'Afrika cyane cyane, aliko itirengagije n'ibihugu byose bitaragera ku majyambere nyakuli.

Mouvement yacu izita cyane kubyo guteza imbere ubwumvikane bw'Ibihugu byose mu byerekeye ubucuruzi, kwungurana imico, ubumenyi na tekiniki.

Mouvement yacu ishaka ko Leta y'u Rwanda yajya yohereza abayihagararira mu mahanga aho ibona hadufitiye akamaro kandi natwe dutezeho umukiro, ali mu bya Poli-

tiki cyangwa se mu by'Ubukungu.


Mouvement yacu yemera ko inshuti z'ukuli z'u Rwanda ali izirufasha KOKO, zidashaka kurugira nk'umuja WAZO, ahubwo zita gusa ku mizamukire y'Igihugu cyacu.

II. IBYEREKEYE UBUKUNGU N'IMALI.

Mouvement yacu yiyemeza ko mu byerekeye ubukungu n'imibereho n'umuco w'Abanyarwanda u Rwanda rutashobora kwubakwa n'ikindi kitali imbaraga zose z'Abana barwo. Nicyo gituma rw'iyemeje rwose ko icya mbere rukwiye gukora ali ukwizera imbaraga zarwo bwite.

- Ubwigenge mu byerekeye ubukungu n'imali niyo nkingi y'ibanze y'ubwigenge nyakuli mu bya politiki y'Igihugu. Niyo mpamvu Leta igomba gushaka ubulyo bwose bwatuma ubukungu n'imali by'Igihugu byiyongera kugira ngo haboneke imali ihagije yo gushora mu mishinga igamije guteza imbere amajyambere y'Igihugu no kuzamura umunyarwanda kugira ngo M.RND. ishobore kugera ku ntego yiyemeje ivuga ko u Rwanda ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo.

Aliko ibyo ntibibujije abanyamahanga gufatanya n'abanyarwanda kuzamura amajyambere y'Igihugu, ndetse barabisabwe.



«Ubukungu bwo mu byaro buzazamurwa n'ubuhinzi n'ubworozi bukozwe ku buryo bwa kijyambere n'inganda...»

- Amajyambere y'u Rwanda mu by'ubukungu ashingiye ku mulimo cyane cyane uw'amaboko, kuko aliwo soko y'uburumbuke bw'abanyarwanda nyamwinshi kandi akaba aliyo mpamvu ituma ugomba guhabwa agaciro kawo.

- Ubukungu bw'Igihugu bugomba gutunganywa no gutegurwa ku bulyo intego za M.RN.D. mu byerekeye ubukungu zigerwaho. Izo ntego ni izi : guteza imbere umunyarwanda ku bulyo amererwa neza kandi yishyira akizana; gutuma abanyarwanda bishyira bakizana ntawe unyunyuza imitsi y'undi.

M.RN.D. ishyigikiye uburenganzira bwa buli mutura-Rwanda cyangwa ubw'abafatanije bwo kugira umutungo w'umwihaliko. Icyakora, umutungo w'umuntu ku giti cye ntugomba kubera imbogamizi ibifitiye akamaro cyangwa se bigamije amajyambere ya rubanda nyamwinshi, kandi ibikorwa bya Leta bikibanda ku bifitiye rubanda nyamwinshi akamaro.

- Amajyambere mu Gihugu ntashobora kugerwaho hadakozwe plan zigenewe gutunganya no kurangiza imishinga yo kuzamura ubukungu bw'Igihugu. Izo plan aliko zigomba gutegurwa mu bulyo buboneye demokarasi yuzuye; ni ukuwga ko abaturage bose bagomba kuzimenyeshwa kandi bakagira icyo bazivugaho.

- Kwizilika umukanda ni ngombwa kugira ngo tugere ku ntego za M.RN.D. Ni ukuvuga ko u Rwanda rugomba kwilinda gutagaguza amafranga mu bidafite akamaro, ali ugushaka ikuzo cyangwa se kwimenyekanisha gusa. Kwizilika umukanda bigomba gukomeza kuba itegeko likomeye mu ba militants bose ba M.R.N.D.. Byongeye kandi, Leta isabwe guha abafite umutungo uhagije amabwiliza ya ngombwa kugira ngo bajye bashora amafranga yabo mu mishinga ifitiye Igihugu akamaro kanini nko gutuma abatura-Rwanda babona ibibatunga bihagije cyangwa akazi.

III. IBYEREKEYE IMIBEREHO Y'ABATURARWANDA.

Mouvement yacu yifuza ko buli muvuka-Rwanda yamererwa neza kugira ngo ashobore kugilira akamaro abandi akoresha imbaraga z'umubili, z'ubwenge n'ubwitonzi. Mouvement yacu yitaye cyane ku kwishyira ukizana bya buli muntu, kuko alibyo byerekana ingufu n'agaciro by'ubwitange tugilira bose.

Umuvuka-Rwanda wese agomba gukamukamo ibitekerezo byose by'amafuti n'imihango ya kera, n'ibindi byose bizitira amajyambere bibuza abantu ubwenge bwo kwumva ibitekerezo bishya, ubwo bikaba binamubuza gufasha abandi gukora ibikorwa bishya bituma imibereho y'abantu muli iyi isi ihinduka, kandi ikaba myiza kurushaho kuli buli muntu.

Ukwishyira ukizana ku bantu bose kuremewe : Ni ukuvuga ko buli muntu ashobora kuvuga atishisha igitekerezo cye, ashobora kwandika mu binyamakuru, ashobora gukora icyo yumva kitanyuranyije n'umutima we, ashobora kujya mw'idini ashatse.

Aliko kandi, Mouvement yacu ishaka ko muli uko kwishyira - ukizana muli ibyo byose, habamo discipline, kandi umuntu akabikora yumva neza ko afite uruhare mu guteza igihugu imbere. Gukomeza amahoro n'ubumwe mu Gihugu no kugirango yerekane ko agamije gutera inkunga imilimo yubaka Igihugu.

Nicyo gituma tuzigisha Abanyarwanda gukoresha uko kwishyira-ukizana ku bulyo bwungura buli muntu ukwe na rubanda rwose.

Niyo mpamvu mu kubyigisha Abanyarwanda tuzajya tubumvisha ko, muli uko kwishyira ukizana, tuzajya tureba igifitiye umuntu akamaro, tutirengagije aliko ikigafitiye abaturaRwanda bose.

Mouvement yacu izarengera umulyango ali wo remezo ly'abavuka-Rwanda.

Ibyangombwa twabona byatuma habaho umutekano n'imimerere myiza mu mulyango tuzabyitaho kandi tubitunganye mu cyubahiro, dukulikije kandi ko umugore n'umugabo bagomba kureshya imbere y'amategeko n'ibiteza Igihugu imbere. Muli icyo cyubahiro cy'imibanire yo mu rugo, Mouvement yacu izita ku cyazamura abali n'abategarugoli.



«Umugore nawe agomba kuzamuka agafatanya imbaraga ze n'iz'abandi mu guteza imbere ubukungu bw'igihugu...»

N'ikizatuma ibyo byose bigaragara, ni uko kugirango Igihugu gitezwe imbere, nta numwe uzahezwa ku milimo ashoboye, kuyo kuzamura abatura-Rwanda cyangwa se no kuya Politiki, yaba umugore cyangwa se umugabo. Inyigisho zose zitegura umugore kuzakora akazi ashoboye, azazibonera u-burenganzira bwose.

- Icyo dushakira ko umugore nawe azamuka, n'ukugira ngo adufashe, azane imbaraga ze zose afite, azifatanye n'iz'abandi kuzamulira hamwe kandi vuba Igihugu.

- Mouvement yacu yemera rwose ko u Rwanda rwacu rugizwe n'amoko kamere atatu : Abatwa, Abahutu n'Abatutsi. Ikaba ishaka rero, ko aho kugira ngo imitandukanire y'ayo moko itanye abanyarwanda, ahubwo yababera isoko yo kungurana imico n'ibitekerezo, kwikomeza, ntawe ushaka kuruta undi.

Ubumwe bw'Igihugu n'ubwumvikane, tuzabushakira hasi no hejuru, ahubwo tuzarwanya bikomeye ikizashaka cyose kudutandukanya.

Umutekano n'amahoro y'Abatura-Rwanda ntituzabitezukaho buli gihe kugira ngo tulinde abatura-Rwanda abanzi bose b'amahoro; abicanyi, ibirara, n'abalya imitsi y'abandi gusa.

Mouvement yacu iliyemeza ko imilimo yose igihe ikozwe ikulikije amategeko n'icyubahiro cy'Igihugu, yose ireshya. Nicyo gituma ivugiye ku mugaragaro ko abantu bose ba-

kora ali ngombwa mu gihugu : baba abikorera, baba abakoresha n'abakoreshwa, baba abahinzi, abakoresha ubwenge bwabo, cyangwa se abakoresha amaboko gusa.

Tuziga ukuntu twatunganya kurushaho uko umukozi wese azajya abona umushahara umukwiliye. Kugirango dukaze ubushobozi bwabo ku kazi kandi dutume babukoresha ku bulyo barushijeho kugira akamaro, bitalimo guhubuka, abakozi bose bo mu nganda no mu ma sosiyete, nabo bazajya batumirwa mu nama yo kwongera umusaruro. Ibi bizarushaho kubumvisha ko kumererwa neza kwabo alibo bigomba guturukaho igihe bazaba baronse byinshi kandi vuba.

Tuzemerera abakozi kwishyira hamwe ngo bajye bibaliza ibibabangamiye. Aliko ukwo kwishyira hamwe, bizaba bigamije imbere kwubahiliza ukwishyira ukizana bya buli muntu, cyangwa se gutuma imilimo ikorwa yazana umusaruro mwinshi kurushaho. Mu byaro, hazashyirwaho ukuntu urubyiruko rwakwiyunga ngo rwe kwandagara, ubwo narwo rukaba rutanze umusanzu mu bigomba kuzamura Igihugu.

Ibikorwa by'abanyarwanda bigenewe kwongera imibereho myiza yabo bizatunganywa, byubahilizwe kandi byuzuzwe mu nzira nyinshi za ngombwa.

Ubulyo bwo gutuma abatura-Rwanda batembera bitabahenze cyane kandi biboroheye nabwo buzongerwa bidatinze.

Ibizatangwa kugira ngo ubuvuzi bugende neza nabyo bizaba bifite akamaro, kubera ko Abatura-Rwanda nibagira

ubuzima bwiza, bizatuma bagira n'ingufu zo gukorera Igihugu ngo kizamuke.

Ubulyo abanyarwanda dutuye mu mazu atatanye ku misozi, ntibituma twese dushobora kuronka ibyo Leta itugeneye byose kugira ngo amajyambere y'uturere dutuyemo azamuke neza.

None rero, tubonye ko uwo muco wamenyerewe, aliko ukaba udakwiranye n'igihe tugezemo, Mouvement yacu irumva ibyo byose izagenda ibihindura. Ilyo hinduka lizabanzilizwa no gusobanulira abatura-Rwanda akamaro kalyo.

IV. IBYEREKEYE UMUCO W'IGIHUGU.

N'ubwo abantu bose bazagomba gufatanya, aliko ntibizabuza umuntu ku giti cye kwidagadura mu bushobozi bwe, ali mu bwenge, ali mu myifatire, ali mu ngufu ze, akabikora kandi neza no mu bulyo bufite akamaro.

1) Iby'amashuli.

Kugira ngo tubone impuguke z'inyanga-mugayo kandi zifite ubushobozi butihishira mu bya tekiniki, bakaba bazashobora kwita ku bifitiye abatura-Rwanda bose akamaro, Mouvement yacu yiyemeje ibi bikulikira :

- Gukwiza uko bishobotse amashuli mu mpande zose z'u Rwanda, kwigisha abantu bakagira ubwenge bagashishikalira umulimo ali uw'amaboko ali n'uw'ubwenge.

- Kugerageza guhuza uburezi n'inyigisho z'urubyiruko kugira ngo nyine urubyiruko rutashoboye gukulikira ruhite rutangira gufasha abandi banyarwanda kwongera umusaruro w'Igihugu.

- Kuzashyiraho ubulyo bwo gutuma umuntu ashobora kunononsora ubumenyi afite, cyangwa se ubwo ashatse kwigisha.

- Kugira ngo abatura-Rwanda bose bazamuke, Mouvement yacu irashaka ko bahabwa inyigisho zikwiranye nabo kandi zishobora gukoreshwa, zo gusoma no kwandika, kugira ngo bashobore kwumva neza no gukora imilimo yabo ku bulyo burushijeho kwisumbura, ibyo bikaba byabongerera kubaho neza.

Niyo mpamvu Mouvement isabye ko Komine yagira aho yigishiliza, ahali imilimo ikomeye naho hakagira amashuli, agenewe kwongera ubushobozi bwa buli muntu kugira ngo aho akora, akazi karusheho kujya mbere.

2) Umuco.

Mouvement yacu yemera ko abantu bose bangana, kandi bakenerana mu mico karande yabo. Aliko kugira ngo abantu bagire icyo bungurana, buli gihugu kigomba kubanza kumenya ibyacyo kikanabigaragaza. Abanyarwanda rero tugomba kubanza kumenya umuco wacu, tukawiyinjizamo rwose kugira ngo tuzashobore kwumvisha abandi akarusho k'umuco wa kinyarwanda, no gukura kuw'abandi icyashobora kwiyongera k'uwacu.



«Mouvement yemera ko kugirango abantu bagire icyo bungurana ku mico karande yabo, buli gihugu kigomba kubanza kumenya ibyacyo kikanabigaragaza...»


Kugira ngo ibyo bigerweho rero, ibigize umuco w'u Rwanda byose bigomba kwigwa kandi bigakurikiranwa cyane: amateka y'u Rwanda, ibisigo, indilimbo, ubuhanga n'ubumenyi, imbyino. Noneho rero tukajya tureba ukuntu n'iby'ahandi byakwiyongera kuli ibyo byacu ku bulyo byagira icyo bibyungura.

Amashuli, Imikino, Ubwanditsi n'ubundi bushobozi bizajya byitabwaho kandi biterwe inkunga. Kuzamura uwo muco w'u Rwanda turashaka ko bizakorwa n'umuntu wabyiyemeje, wishimiye Igihugu cye, wipakuruye imico y'ubuhake, udatinya kandi udatezuka.

Ubwo rero ibigomba kugira uwo muco w'u Rwanda nibimara kuvanwamo ibyatumaga Ubumwe bw'Igihugu buhungabana n'amajyambere yacyo atagenda neza, bizabona gukwira hose mu banyarwanda.

3) Imikino.

Imikino ni kimwe mu byangombwa bituma umuntu yigenga byuzuye, aliko iyo mikino igomba gukoreshwa ku bulyo nyabwo kandi ikaza nyuma y'imilimo. Nicyo gituma Mouvement yacu ishaka ko imikino yakwitabwaho na za siporo zigasesekara mu makomine yose y'Igihugu. Ntibiterwe kandi gusa no kugira ngo abantu baruhuke iminaniro y'ibyo bakoze ali iby'ubwenge, ali iby'imilimo isanzwe, ahubwo ali ukugira ngo



«Siporo ni ngombwa kugira ngo abantu biyumvemo ubuvandimwe, bashyikirane kandi bakanguke...»

biyumvemo ubuvandimwe, abantu bashyikirane kandi batume imyifatire yabo yubahwa kandi bitume bose bakanguka.

Uko tuzajya tubona ibikoresho bya ngombwa kandi birushijeho bikwiranye n'ibihe tugezemo, kandi tukabona ubulyo bwo kwigisha bukwiye, icyo gihe imikino izagira amashami menshi kugira ngo ibyo dukeneye byinshi mu byerekeye imico yacu bishobore kugerwaho.

Mouvement yacu irasaba Leta ko yakora uko ishoboye ngo itegure ahantu henshi kandi hahagije hakwiranye n'ibyerekeye Tourisme, no kuzamura ibikorwa by'abatura-Rwanda, gutuma Sporo zikomeza gutera imbere, kwongera ingufu z'umubili, no gukora ku bulyo ibyiza bikorerwa mu Rwanda bibona aho bimulikirwa.

V. UMWANZURO.

Kugira ngo iyo programu tuyigereho tugomba guteranya ingufu zose z'Igihugu. Nicyo cyatumye twaliyemeje kwinjiza Ingabo z'Igihugu muli «Mouvemeni Révolutionnaire iharanira amajyambere y'u Rwanda no gushyiraho Umuganda.

Ingabo z'Igihugu, zitaretse imilimo yazo y'ingenzi zishinzwe, aliyo : «Kurengera Igihugu cyacu, no kulinda amahoro y'abatura-Rwanda», zigomba guhagurukira guterateranya ingufu zose z'Igihugu, kugira ngo zifatanyilize hamwe kuzamura u-

bukungu bwacyo, kwigisha abavuka-Rwanda urukundo rw'Igihugu cyabo kugira ngo barusheho kucyitangira, gukora imilimo rusange yubaka Igihugu, kuyobora abatura-Rwanda bo mu byaro mu bikorwa bizamura imibereho myiza yabo n'umuco wabo, kwita kubireba ubuzima bwabo, aliko cyane cyane,kwigisha urubyiruko.

- Tumaze kwiyumvisha ko abatura-Rwanda alibo bonyine bagomba kwizamura ubwabo, kandi ibivuye mu mbaraga zabo bikaba ibyabo, Mouvement yacu yabonye ko ali ngombwa kubategeka kwikorera imilimo rusange igamije kubazamura. Irasaba kandi ko hakorwa Plan iboneye y'iyo milimo rusange, kugira ngo izagire icyo yongera kigaragara ku majyambere y'ubukungu bw'abavuka-Rwanda bose.

Mu magambo make, amahame y'iremezo Mouvement Révolutionnaire iharanira amajyambere y'u Rwanda ishingiyeho ni aya :

- Kuzamura Igihugu ku bulyo bunogeye abatura-Rwanda, ku bulyo buvugurura ibyaliho, ibyo bigakorwa n'abatura-Gihugu ubwabo kandi akaba ali nabo bigenewe.

- Démocratie-Responsable.

- Amahoro n'Ubumwe bw'Igihugu mu butabera, nta bulyamirane, ibyo byombi nibyo bizatuma abatura-Rwanda bose bumvikana, kandi bafatana urunana.

- Kubanza kwita ku cyazamura abantu bose, aho kwita ku cyazamura runaka ku giti cye.

- Umugore n'umugabo bagomba kungana imbere y'amategeko n'ibikorwa bizamura amajyambere y'Igihugu. Umulyango, aliwo shingiro ly'abatura-Rwanda bose uzitabwaho.

- Ubukungu bwo mu byaro buzazamurwa n'Ubuhinzi n'ubworozi bukozwe ku bulyo bwa kijyambere, hamwe n'ishingwa ly'inganda.

Imitekerereze y'abatura-Rwanda igakurwaho imico yose itagihuje n'ibihe tugezemo.

- Imico n'ubumenyi byiza bya Kinyarwanda bizitabwaho.

- Ubwigenge bwuzuye, ali muli politiki, ali mu bukungu, mu bwumvikane n'ubutwererane n'ibindi bihugu.

- Amahoro, ubutwererane, n'ubuvandimwe n'ibindi bihugu

Bikorewe i Kigali, kuwa 5 Nyakanga 1975

Prêsident-Fondateur
wa <<Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda>>,

HABYARIMANA Juvénal
Général-Major.

Stati ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda

Urupapuro rwa 33 kugeza ku rwa 61.

M.R.N.D.

Ramba Ramba

M.R.N.D. Ramba

M.R.N.D. Ramba M.R.N.D.

Ramba M.R.N.D.

Ramba M.R.N.D. Ramba

M.R.N.D. Ramba

STATI YA MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA.

INTERURO YA MBERE

IBYEREKEYE MOUVEMENT REVOLUTIONNAIRE IHARANIRA AMAJYAMBERE Y'U RWANDA

Ingingo ya mbere.

Haliho umutwe umwe rukumbi wa politiki witwa «Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda», mu magambo ahinnye «M.R.N.D.».

Ingingo ya 2.

Imigambi ya M.R.N.D. ni iyi :

a) gukoraniliza hamwe abanyarwanda bose, kugira ngo barusheho gutunganya amatwara y'imitegekere y'Igihugu cyabo;

b) guhuza, gutera inkunga no kwongera imbaraga z'Abanyarwanda kugira ngo bagere ku majyambere yabo mu mahoro no mu bumwe bakulikije programu yatanzwe na za Manifeste za Muvoma.

Ingingo ya 3.

Intego ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ni : UBUMWE - AMAHORO - AMAJYAMBERE.

Ingingo ya 4.

Ikimenyetso cya Muvoma ni ibendera liteye litya : uva ibumoso ujya ibulyo, ni amabara atatu : ilitukura, umuhondo

n'ily'icyatsi kibisi. Amabara y'umutuku n'icyatsi kibisi ni mpande eshatu.

Ibara ly'umuhondo lifite impande enye ziberamye, hagati yazo hakabamo igishushanyo cy'inuma n'ishami ly'umuzeti, icy'isuka n'umuhoro biranga amahoro n'umwete k'umulimo ndetse n'inyandiko y'amagambo : «République Rwandaise» na «UNITE - PAIX - DEVELOPPEMENT».

Ingingo ya 5.

Intebe ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ili mu murwa mukuru w'Igihugu Prezida wayo ashobora kuyimulira ahandi mu Rwanda, Kongre y'Igihugu imaze kubimwemerera.

Ingingo ya 6.

Dukulikije ibiteganywa n'ingingo ya 7 y'Itegeko-Nshinga, Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda niwo mutwe umwe rukumbi wa politiki wemewe; nta politiki nimwe yemewe gukorwa itawukorewemo.

Ingingo ya 7.

Imikorere ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ni iyi :

- gukoresha inama z'uturere, inama rusange, amateraniro, guhulira kungurana ibitekerezo, guhugurana no gukoresha za kongre ;

- kwandika no gukoresha udutabo tw'ubwoko bwose;

- kugena imali izakoresha;

- kubumbatira no kujijura buli gihe abaturage;

- gushaka ubulyo buboneye bwo kuyobora abanyarwanda.

Ingingo ya 8.

Ishingiye ku miterere yayo n'inzego zayo, Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda igomba :

- kugaragaza, guteza imbere, gusobanura no kwigisha amahame ya politiki yayo;

- kuvumbura intego zayo no kuziganisha mu bikorwa bigaragara hakulikijwe amahame yayo;

- gushyigikira no kugenzura imyifatire ya Leta mu butegetsi bwayo;

- kwigisha no gukangura abanyarwanda;

- kumva ibibazo n'ibyifuzo by'abanyarwanda kugira ngo imikorere yayo n'inyigisho itanga bikulikize amajyambere tugezemo;

- kugira inzego zibishoboye kandi zemewe n'abanyarwanda, zumva neza kandi zemera byimazeyo amategeko n'imigambi ya Muvoma;

- gukomeza ubumwe bw'abagize Muvoma.

INTERURO YA II. IBYEREKEYE AB.AGIZE MUVOMA

Ingingo ya 9.

Buli munyarwanda wese ali muli Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda. Yitwa militant kandi agomba gukulikiza amategeko agenga Muvoma n'amabwiliza yayo.

Ingingo ya 10.

Buli munyarwanda wese afite uburenganzira bwo gutora no gutorwa mu nzego z'ubutegetsi bwa Muvoma mu bulyo buteganywa n'amategeko n'amabwiliza ya Muvoma.

Ingingo ya 11.

Abanyamahanga bashobora gushyigikira Muvoma yacu. Umunyamahanga ushyigikiye Muvoma ni uwemera kandi agatera inkunga ibitekerezo byayo aliko ntashobora kwinjira mu nzego zayo.

INTERURO YA III.

IBYEREKEYE INZEGO ZA MUVOMA.

UMUTWE WA MBERE.

INZEGO NKURU.

Ingingo ya 12.

Inzego nkuru za Muvoma ni izi :

1. Prezidansi ya Muvoma.
2. Kongre y'Igihugu.
3. Komite-Nyobozi.

ICYICIRO CYA MBERE

IBYEREKEYE PREZIDANSI YA MUVOMA.

Ingingo ya 13.

Prezidansi ya Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda nirwo rwego rw'ikirenga. Ubuyobozi bw'urwo rwego bushinzwe Prezida wa Muvoma. Bityo, akaba aliwe uhagaraliye Muvoma, akanayishingira imbere y'Igihugu. Ni nawe uhamagara Kongre y'Igihugu na Komite-Nyobozi kandi akayobora inama zazo.

Prezida wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ayobora kandi agenzura imikorere y'inzego

zose za Muvoma. Niwe ushyiraho kandi agakuraho Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma, abagize Komite-Nyobozi n'Abajyanama muli Prezidansi ya Muvoma, kandi akemeza burundu, abyumvikanyeho na Komite-Nyobozi, lisiti y'abakandida mu itora ly'abagize Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere.

Ingingo ya 14.

Bisabwe na Komite-Nyobozi, Prezida wa Muvoma atorerwa igihe cy'imyaka itanu gishobora kuvugururwa, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Kongre y'Igihugu, ibyo bikaba aliko hasigaye nibura iminsi mirongo itatu kugira ngo habe itora lya Prezida wa Republika. Hakulikijwe ingingo ya 40 y'Itegeko-Nshinga, Prezida wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda niwe mukandida wenyine ku mwanya wo kuba Prezida wa Republika. Iyo adatowe na benshi mu bashobora gutora, ahita ubwo ava ku butegetsi bukuru bwa Muvoma. Mu minsi mirongo itandatu ikulikira ukudatorwa kwe, hagomba gushyirwaho Prezida mushya wa Muvoma.

Ingingo ya 15.

Prezida wa Muvoma niwe uhamagara kandi akayobora inama za Kongre y'Igihugu n'iza Komite-Nyobozi.

Igihe adashoboye kuyobora inama ya Kongre y'Igihugu cyangwa iya Komite-Nyobozi, iyo nama iyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma.

Igihe Prezida wa Muvoma n'Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma badahali cyangwa bagize inkomyi bombi kandi icyalimwe, inama ya Kongre cyangwa iya Komite-Nyobozi ntishobora kurema. Prezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere abimenyesha abagize urwego rwali kugira iyo nama.

Ingingo ya 16.

Iyo Prezida wa Muvoma apfuye, iyo yivanye ku kazi cyangwa iyo hali impamvu ituma agomba guhagalika imilimo ye, Umunyamabanga Mukuru wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda niwe ukora by'agateganyo imilimo ya Prezida wa Muvoma. Muli icyo gihe, Komite-Nyobozi ishyiraho umukandida hanyuma, mu minsi 60 ikulikira, hakabaho itora lya Prezida mushya wa Muvoma.

Mu gihe ibivugwa muli iki gika kibanza bibereye limwe kuli Prezida no k'Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma, Prezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere niwe uyobora Muvoma by'agateganyo. Prezida mushya wa Muvoma ashyirwaho hakulikijwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

ICYICIRO CYA II.

IBYEREKEYE KONGRE Y'IGIHUGU.

Ingingo ya 17.

Kongre y'Igihugu igizwe n'aba bakulikira :

1. Abagize Komite-Nyobozi
2. Ba Prezida na ba Visi-Prezida ba za Kongre za Prefegitura
3. Abagize za Komite za Prefegitura
4. Ba Prezida na ba Visi-Prezida ba za Kongre za Komini.

Ingingo ya 18.

Inama isanzwe ya Kongre y'Igihugu irema limwe mu myaka ibili n'igice.

Inyandiko ihamagara yerekana ibizigwa itangazwa kandi ikamenyeshwa abagize Kongre hasigaye amezi abili kugira ngo inama ibe.

Ingingo ya 19.

Kongre y'Igihugu niyo ikemura ibibazo byose byerekeye Muvoma. Ishinzwe cyane cyane :

a) kwemeza ikulikizwa ly'ibyakozwe na Komite-Nyobozi;

b) gushyiraho programu y'ibikorwa bya Muvoma ikoresha za Manifeste ;

c) gutora Prezida wa Muvoma;

d) gushyiraho amategeko agenga Muvoma n'amategeko agenga imikorere yayo;

e) gusesa inzego za Muvoma muli Prefegitura no muli Komini;

f) gufata ibyemezo byose ku bibazo byerekeye politiki, ubukungu, imizamukire y'abanyarwanda n'umuco w'Igihugu.

Ingingo ya 20.

Buli gihe cyose abona ko ali ngombwa, Prezida wa Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ashobora guhamagaza Kongre y'Igihugu mu nama idasanzwe. Iyo nama isuzuma gusa ibili ku murongo w'ibyigwa mu rwandiko ruyihamagara.

Ingingo ya 2l .

Bitagize icyo binyuranyaho n'ingingo ya 70, Kongre y'igihugu ifata ibyemezo byayo ikulikije ubwiganze bw'amajwi ya bibili bya gatatu by'abali mu nama.

ICYICIRO CYA III.

IBYEREKEYE KOMITE-NYOBOZI

Ingingo ya 22.

Komite-Nyobozi igizwe na Prezida wa Muvoma n'abandi ashyiraho. Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma na Prezida w'Inama y'Igihugu Iharanira Amajyambere nabo bali muli Komite-Nyobozi ku bw'imilimo yabo.

Ingingo ya 23 .

Iyobowe na Prezida wa Muvoma afashijwe n'Umunyamabanga Mukuru, Komite-Nyobozi :

- igena kandi iyobora politiki ya Muvoma;

- igenzura inzego zose za Muvoma uretse Prezidansi ya Muvoma na Kongre y'Igihugu;

- ishyiraho amategeko agenga abakozi bayo n'agenga ingaga zishamikiye kuli Muvoma ;

- igena imali ya Muvoma.

Komite-Nyobozi ishobora guhindura, guhagalika cyangwa se kuvanaho ibyemejwe n'inzego zo hasi. Impamvu z'ilyo hinduka zigomba kumenyeshwa urwego rwali rwarafashe icyo cyemezo cyanzwe. Ishobora gushyiraho ingaga zishamikiye kuli Muvoma, igashobora kandi kuzibumbira hamwe cyangwa kuzisesa.

Ingingo ya 24.

Komite-Nyobozi iterana buli mezi atatu. Aliko igihe cyose bibaye ngombwa ishobora guhamagarwa mu nama idasanzwe.

Ingingo ya 25.

Komite-Nyobozi igizwe n'utunama dutanu duhoraho :

- Akanama ka Politiki; - Akanama k'Ubukungu ; - Akanama k'Imimerere y'Abaturage;

- Akanama k'iby'Ubuhanga;

- Akanama k'Ububanyi n'Ubutwererane n'Amahanga.

Ingingo ya 26.

a) Akanama ka Politiki kiga ibya Politiki, Ubutegetsi, Ubucamanza n'iby'Ubwitonzi.

b) Akanama k'Ubukungu kiga iby'Ubukungu, Imali n'iby'Imishinga.

c) Akanama k'Imimerere y'Abaturage kiga ibyerekeye Imizamukire y'Abaturage, iby'Urubyiruko n'Imikino.

d) Akanama k'Ubuhanga kiga ibyerekeye Uburezi, ibyerekeye Umuco w'Igihugu, Ubuhanga n'ibya Tekiniki.

e) Akanama k'Ububanyi n'Ubutwererane n'Amahanga kiga ibya Politiki mpuza-mahanga, iby'Ubufatanye mu by'Ubukungu n'ibyo kubana n'ibindi bihugu.

Ingingo ya 27.

Mw'izina lya Prezida wa Muvoma, Umunyamabanga Mukuru wa Muvoma agenga imikorere y'akazi ka Muvoma, akanahuza akazi k'utwo tunama. Muli uwo mulimo, afashwa n'iteraniro ly'Abajyanama muli Prezidansi ya Muvoma bakaba

bashinzwe kwiga ibibazo byose bireba ibitekerezo biyobora Muvoma n'ibikorwa byayo.

UMUTWE WA II.

INZEGO ZA MUVOMA MULI PREFEGITURA.

Ingingo ya 28.

Inzego za Muvoma muli Prefegitura ni izi :

1. Kongre ya Prefegitura
2. Komite ya Prefegitura.

Ingingo ya 29.

Prefe wa Prefegitura niwe Muyobozi wa Muvoma muli Prefegitura.

ICYICIRO CYA I.

IBYEREKEYE KONGRE YA PREFEGITURA.

Ingingo ya 30.

Kongre ya Prefegitura isuzuma ibibazo byose ishyikilijwe na Komite ya Prefegitura, ikagira icyo ivuga kuli raporo y'ibyagezweho n'ibyungutswe muli uwo mwaka mu matwara ya Muvoma muli Prefegitura, byerekeye politiki, ubukungu, imibereho y'abanyarwanda n'umuco w'Igihugu.

Ingingo ya 31.

Bitanyuranije n'ibivugwa mu ngingo ya 11 y'aya matege-

ko, abagize Kongre ya Prefegitura ni aba :

1 . Umuyobozi wa Muvoma muli Prefegitura;

2. Visi-Prezida wa Kongre ya Prefegitura;

3. Abagize Komite ya Prefegitura;

4. Abagize Inama y'Abayobozi muli Prefegitura;

5. Umwanditsi n'Umubitsi ba Komite ya Prefegitura;

6. Ba Visi-Prezida ba Kongre za Komini;

7. Abagize Komite ya Komini;

8. Abayobozi b'Ingaga zishamikiye kuli Muvoma muli Prefegitura;

9. Abajyanama ba Komini.

Ingingo ya 32.

Kongre ya Prefegitura itora mu bayigize Visi-Prezida; atorerwa igihe cy'imyaka itanu gishobora kuvugururwa.

Ingingo ya 33.

Kongre ya Prefegitura iterana limwe mu mwaka. Iyoborwa n'umuyobozi wa Muvoma muli Prefegitura, mu gihe adahali cya-

ngwa agize ikimuziga, agasimburwa na Visi-Prezida.

Ingingo ya 34.

Sekretariya ya Kongre ya Prefegitura ishinzwe Umwanditsi wa Komite ya Prefegitura.

ICYICIRO CYA II.

IBYEREKEYE KOMITE YA PREFEGITURA

Ingingo ya 35.

Komite ya Prefegitura nirwo rwego rurangiza ibyemejwe na Kongre ya Prefegitura. Niyo ireba uko ibyemezo n'amabwiliza byatanzwe n'inzego zo hejuru bikulikizwa, isuzuma ibibazo ihawe na Komite-Nyobozi, ikagenzura, ikayobora kandi igatera umwete inzego za Muvoma muli Komini.

Isuzuma ibibazo byose muli Prefegitura haba mu rwego rwa politiki, ubukungu, imimerere y'abavuka-rwanda n'umuco w'Igihugu, ikabitangamo raporo muli Kongre ya Prefegitura no muli Komite-Nyobozi.

Ishobora kwiga, ibyibwilije, ibyo ibona byose bibangamiye Muvoma mu Gihugu, igaha Komite-Nyobozi inama ibona ko zikwiliye gukulikizwa kugira ngo imikorere ya Muvoma irusheho kugira akamaro.

Iyobora kandi igenzura ibikorwa by'Ingaga zishamikiye

kuli Muvoma muli Prefegitura.

Ingingo ya 36.

Komite ya Prefegitura igizwe n'aba bakulikira :

1. Umuyobozi wa Muvoma muli Prefegitura;

2. Visi-Prezida wa Kongre ya Prefegitura;

3. Abantu 24 muli bo kimwe cya kabili gitorwa na Kongre ya Prefegitura, ikindi kigashyirwaho na Prezida wa Muvoma. Babimaraho imyaka 5 kandi bagashobora gusubizwaho;

4. Umwanditsi n'Umubitsi ba Komite ya Prefegitura

Ingingo ya 37.

Komite ya Prefegitura iterana limwe byibura mu mezi ane, iyobowe n'Ushinzwe Muvoma muli Prefegitura, yaba adahali cyangwa agize ikimuziga, agasimburwa na Visi-Prezida wa Kongre ya Prefegitura.

Ingingo ya 38.

Biro ya Komite ya Prefegitura igizwe n'aba bakulikira :

- Umuyobozi wa Muvoma muli Prefegitura;
- Visi Prezida wa Kongre ya Prefegitura;
- Umwanditsi n'Umubitsi batorwa na Kongre ya Prefegitura mu bayigize.

UMUTWE WA III.

INZEGO Z'ISHINGIRO.

Ingingo ya 39.

Inzego z'ishingiro za Muvoma ni izi :

1. Inzego za Muvoma muli Komini;

2. Inzego za Muvoma muli Segiteri

3. Inzego za Selire.

ICYICIRO CYA I.

INZEGO ZA MWOMA MULI KOMINI.

Ingingo ya 40.

Inzego za Muvoma muli Komini ni izi :

1. Kongre ya Komini;

2. Komite ya Komini.

Ingingo ya 41.

Umuyobozi wa Muvoma muli Komini ni Burugumesitiri.

IGIKA CYA 1

- KONGRE YA KOMINI.

Ingingo ya 42.

Kongre ya Komini isuzuma ibibazo byose byerekeye Komini, ikanagira icyo ivuga kuli za raporo z'ibyakozwe, n'imimerere ya Muvoma muli Komini.

Ingingo ya 43.

Bitanyuranije n'ibivugwa mu ngingo ya 11 y'aya mategeko, abagize Kongre ya Komini ni aba :

1. Umuyobozi wa Muvoma muli Komini;

2. Abagize Komite ya Komini;

3. Abayobozi ba Komite za Segiteri;

4. Abayobozi ba Komite za Selire;

5. Abayobozi b'Ingaga zishamikiye kuli Muvoma muli Komini;

6. Abayobozi b'imilimo muli Komini.

Ingingo ya 44.

Kongre ya Komini itora mu bayigize Visi-Prezida. Atorerwa igihe cy'imyaka itanu gishobora kuvugururwa.

Ingingo ya 45.

Kongre ya Komini iterana limwe mu mezi atandatu. Iyoborwa n'Umuyobozi wa Muvoma muli Komini, yaba adahali cyangwa agize ikimuziga, ikayoborwa na Visi-Prezida.

Ingingo ya 46.

Sekretariya ya Kongre ya Komini ishinzwe Umwanditsi w'Ibiro bya Komite ya Komini.

IGIKA CYA 2

- KOMITE YA KOMINI.

Ingingo ya 47.

Komite ya Komini niyo irangiza ibyemejwe na Kongre ya Komini. Igomba kureba uko amategeko yatanzwe n'inzego zo hejuru akulikizwa kandi ikiga ibibazo byose Komini ikesha ubuzima byerekeye politiki, ubukungu, imibereho y'abanyarwanda n'umuco w'Igihugu.

Iyobora kandi igenzura ibikorwa by'Ingaga zishamikiye kuli Muvoma muli Komini.

Ingingo ya 48.

Bitanyuranije n'ibivugwa mu ngingo ya 11 y'aya mategeko, abagize Komite ya Komini ni aba bakulikira :

1. Umuyobozi wa Muvoma muli Komini;

2. Visi-Prezida wa Kongre ya Komini akaba na Visi-Prezida wa Komite;

3. Umwanditsi n'Umubitsi ba Komite ya Komini;

4. Abantu 10 muli bo kimwe cya kabili gitorwa na Kongre ya Komini, ikindi gice cya kabili kigashyirwaho na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu. Babimaramo igihe cy'imyaka itanu gishobora kuvugururwa.

Abo batorwa bagomba kuba batuye kandi baba muli iyo Komini.

Ingingo ya 49.

Komite ya Komini iterana Iimwe buli mezi ane. Iyoborwa n'Umuyobozi wa Muvoma muli Komini, igihe adahali cyangwa agize ikimuziga, ikayoborwa na Visi-Prezida wa Kongre ya Komini.

Ingingo ya 50.

Biro ya Komite ya Komini igizwe n'aba bakulikira :

- Umuyobozi wa Muvoma muli Komini;

- Visi-Prezida wa Komite ya Komini;

- Umwanditsi n'Umubitsi batowe na Kongre ya Komini mu bayigize .

ICYICIRO CYA II

- INZEGO ZA MUVOMA MULI SEGITERI.

Ingingo ya 51.

Inzego za Muvoma muli Segiteri ni :

1. Inteko ya Segiteri;

2. Komite ya Segiteri.

Ingingo ya 52.

Umuyobozi wa Muvoma muli Segiteri ni Umujyana-

ma wa Komini muli Segiteri ashinzwe.

IGIKA CYA 1

- IBYEREKEYE INTEKO YA SEGITERI.

Ingingo ya 53.

Segiteri ni akarere kagizwe na za selire basanga ali ngombwa.

Ingingo ya 54.

Inteko ya Segiteri yiga ibibazo byose ishyikilijwe na Komite ya Segiteri.

Ingingo ya 55.

Inteko ya Segiteri igizwe n'aba bakulikira :

1. Umuyobozi wa Muvoma muli Segiteri;

2. Abantu bose bagize Komite za Selire zili muli Segiteri;

3. Abakozi bashinzwe akazi k'impuguke bakora muli Segiteri.

Ingingo ya 56.

Abagize Inteko ya Segiteri baterana limwe mu mezi atatu kugira ngo basuzume imimerere ya Muvoma muli Segiteri.

IGIKA CYA 2

- IBYEREKEYE KOMITE YA SEGITERI.

Ingingo ya 57.

Komite ya Segiteri igomba kureba niba amategeko y'inzego zo hejuru za Muvoma akulikizwa.

Yamamaza amatwara ya Muvoma kandi igafasha abaturage kwishyira hamwe kugira ngo bagere ku ntego za Muvoma.

Ingingo ya 58.

Abagize Komite ya Segiteri ni aba :

1. Umujyanama wa Komini, ushinzwe iyo Segiteri;

2. Abakuru ba Komite za Selire;

3. Abakozi bashinzwe akazi k'impuguke bakora muli Segiteri.

Ingingo ya 59.

Komite ya Segiteri iterana limwe mu mezi atatu n'igihe kandi bibaye ngombwa.

ICYICIRO CYA III

- INZEGO ZA SELIRE.

Ingingo ya 60.

Inzego za Selire ni :

1. Inteko ya Selire;

2. Komite ya Selire.

IGIKA CYA 1

- IBYEREKEYE INTEKO YA SELIRE.

Ingingo ya 61.

Buli murenge, buli karere k'umugi, bituwe n'imilyango kuva kuli 50 kugeza ku 100, buli kigo cya Leta, buli kigo

cy'amashuli cyangwa se ikigo cyigenga gifite abamilitant bageze nibura kuli 30, kimwe muli ibyo byose kigize selire ya Muvoma.

Ubusanzwe, umuntu wese agomba kuba muli selire imwe gusa. Nyamara kandi, umukoresha, ukorera undi cyangwa se umukozi wa Leta utuye mu karere k'umugi kandi wanditswe muli selire y'aho akora, yemerewe kuba no muli selire y'aho atuye.

Binyuranyije n'ingingo ya 41, za selire z'ibigo bya Leta, iz'ibigo by'amashuli cyangwa se iz'ibigo byigenga zitanga raporo k'Umuyobozi wa Muvoma muli Prefegitura.

Selire ya Prezidansi ya Republika, iya Prezidansi ya Muvoma n'iza Ministeri zigenzurwa na Prezida wa Muvoma.

Naho Selire z'Ibigo bya gisilikali zohereza raporo Umukuru wa Etat-Major w'Ingabo z'u Rwanda.

Ingingo ya 62.

Abagize Selire baterana limwe mu mezi abili n'igihe cyose bibaye ngombwa.

IGIKA CYA 2

- IBYEREKEYE KOMITE YA SELIRE.

Ingingo ya 63.

Selire iyoborwa na Komite y'abantu batanu batorewe igihe cy'imyaka itanu gishobora kuvugururwa; batorwa n'aba-

ntu bakuru bagize iyo Selire, kw'ilisti y'abakandida yakozwe n'Umuyobozi wa Muvoma muli Segiteri, kandi yemewe na Komite ya Komini.

Utegeka Selire ni umwe muli batanu wabonye amajwi menshi hamwe n'umwungilije.

Nyamara kandi buli militant utegeka ikigo cya Leta, ikigo cy'amashuli cyangwa ikigo cyigenga ninawe utegeka Selire y'icyo kigo.

Igihe umwe mu bagize Komite ya Selire asezeye kuli ako kazi, apfuye cyangwa `se agize indi mpamvu yose ituma areka akazi ke, asimburwa n'Umwungilije wa mbere. Uwo nguwo arangiza igihe uwo asimbuye yarashigaje kumara.

Ingingo ya 64.

Komite ya Selire ishinzwe ibi bikulikira :

1. Kwinjiza mu bagize Selire politiki ya Muvoma. Kumenyesha, kurengera no kwubahiliza amabwiliza n'ibyemezo bya Muvoma.

2. Guhagurukiliza ibikorwa by'amajyambere muli Selire.

3. Gu.shaka amahoro n'umutekano muli Selire, ifatanije n'abashinzwe kwubahiliza amahoro.

4. Gukora za raporo z'ibyabaye muli Selire zigashyikilizwa

Umuyobozi wa Muvoma muli Segiteri.

5. Gukaza ubukorana-murava bw'abagize Selire kugira ngo bite ku mulimo wabo no kubatera inkunga ngo bongere umusaruro.

Komite ya Selire iterana Iimwe mu kwezi n'igihe cyose bibaye ngombwa.

UMUTWE WA IV.

INGAGA ZISHAMIKIYE KULI MUVOMA.

Ingingo ya 65.

Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ishobora gushyiraho ingaga zishinzwe kugera ku bikorwa biteganijwe.

Ishobora no gutsura ingaga zigizwe n'abategarugoli, n'urubyiruko, n'abanyeshuli, n'abakozi, ahanini n'abafite imibereho imwe cyangwa umwuga bahuliyeho. Imiterere y'izo ngaga, abazayijyamo n'imikorere yazo, byemerwa na Komitee-Nyobozi.

UMUTWE WA V.

IBYEREKEYE AMATEGEKO RUSANGE.

Ingingo ya 66.

Inama za buli rwego rwa Muvoma zose zitumirwa n'Umuyobozi w'urwo rwego.

Ihamagara ligomba kwerekana ibizigwa kandi likagera ku bahamagarwa mu gihe gihagije kugira ngo bashobore gushungura ibibazo mbere y'inama.

Ingingo ya 67.

Inama zidasanzwe za buli rwego zihamagarwa byemejwe cyangwa bitangiwe uruhushya n'Umuyobozi w'urwego rwo hejuru, cyangwa zikaba umuyobozi w'urwego abyibwilije, cyangwa bisabwe na kimwe cya gatatu cy'abarugize.

Izo nama zigomba guhamagarwa iteka iyo bivuzwe na Prezida wa Muvoma cyangwa se na Komite-Nyobozi.

Ingingo ya 68.

Mu nama zose za Muvoma, buli wese afite urubuga rwo kuvuga no gusobanura igitekerezo cye kugira ngo izo nama zibere mu mwuka uganjemo demokrasi, ubwitonzi, ugushakashaka ukuli n'ubwumvikane mu bikorwa.

Ingingo ya 69.

Mu nzego zose za Muvoma, batora bakulikije kimwe muli ibi bikulikira :

1. Kwandika;

2. Kuvuga mw'izina;

3. Gushyira ukuboko hejuru;

4. Kwicara cyangwa guhaguruka;

5. Gukoma mu mashyi.

Ubulyo bw'itora bubanza kwemezwa n'abaje mu nama, ku bwiganze burunduye bw'amajwi.

Ingingo ya 70.

Bitanyuranije n'ibitegekwa n'ingingo ya 14, ibyemezo bifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abaje mu nama. Iyo banganya amajwi, icyatorerwaga gisubira kwigwa, kikajya ku murongo w'ibizigwa mu nama ikulikira. Mu gihe bakomeje kunganya amajwi, uruhande Prezida aherereyemo nirwo ruganza. Kugira ngo inama ibe, hagomba kuba hali nibura 2/3 by'abagize urwo rwego.

Ingingo ya 71.

Inama ya buli rwego rwa Muvoma ikorerwa inyandikomvugo, kopi yayo ikoherezwa, mu minsi 15, mu rwego rwo hejuru.

Kopi izo alizo zose z'izo nyandiko-mvugo zemerwa gusa iyo zashyizweho umukono na Prezida n'Umwanditsi w'inama.

Ingingo ya 72.

Buli rwego rwa Muvoma iyo rubonye ali ngombwa rushobora kwishyiliraho akanama ako aliko kose gashinzwe igikorwa, rukerekana umulimo gashinzwe, igihe kazawukoramo n'abakagize.

Rushobora kandi gutumira mu milimo yarwo umuntu wese rubona ko yagira icyo yarumalira.

Ingingo ya 73.

Bitanyuranije n'ingingo ya 22 y'aya mategeko, abagize inzego za Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda batorwa hakulikijwe ubulyo bumwe mu butega nyijwe mu ngingo ya 69 y'aya mategeko.

Ubulyo bugomba gukulikizwa muli buli gihe bushyirwaho na Komite-Nyobozi.

INTERURO YA IV.

IBYEREKEYE UMUTUNGO WA MUVOMA.

Ingingo ya 74.

Umutungo wa Muvoma ugizwe n'ibi bikulikira :

- ibintu byayo isanganywe;

- imisanzu;

- ibivuye mu igulishwa ly'ibiyamamaza;

- impano n'indagano;

- intwererano ya Leta.

Ingingo ya 75.

Kwakira no gucunga uwo mutungo bikulikiza amategeko ngenga-mikorere ya Muvoma.

Ingingo ya 76.

Kugenzura imali ya Muvoma bikorwa n'akanama gashyirwaho na Prezida wa Muvoma.

INTERURO YA V.

IBYEREKEYE DISCIPLINE.

Ingingo ya 77.

Amakosa ahanirwa ni aya :

- ibikorwa byononera Muvoma, kwica no gucisha ukubili n'amahame ya Muvoma nkuko asobanurwa na Manifeste zayo;

- buli gikorwa kinyuranyije n'amategeko agenga Muvoma n'amabwiliza yayo.

Ingingo ya 78.

Uhamijwe icyaha agihanirwa hakulijwe amategeko agenga imikorere ya Muvoma.

INTERURO YA VI.

IBYEREKEYE UMUBANO N'AMAHANGA.

Ingingo ya 79.

Kongre y'igihugu iramutse ibyemeye, Mouvement Révolutionnaire Iharanira Amajyambere y'u Rwanda ishobora kwinjira mu mulyango mpuza-mahanga, cyangwa se ikiyemeza gukorana n'amashyaka y'amahanga. Prezida wa Muvoma ashobora kwunga umubano n'amashyaka y'amahanga igihe cyose bifitiye Muvoma yacu akamaro.

Byongeye kandi, ashobora guhagalika umubano wa Muvoma n'amashyaka y'andi mahanga igihe bigaragara ko uwo mubano wakwangiliza Igihugu cyacu.

INTERURO YA VII.

IBYEREKEYE AMATEGEKO Y'AGATEGANYO N'ASOZA.

Ingingo ya 80.

Igihe Prezida wa Muvoma yagombaga kumara ubu kirongerewe kugeza igihe Prezida wa Republika azarangiliza igihe yatorewe.

Ingingo ya 81.

